**IKINYARWANDA**

**KIN 02**

**27/07/2022 2:00 PM – 5:00 PM**

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2021-2022

# ISOMO: IKINYARWANDA

**ISHAMI: INDERABAREZI (TTC)**

**UDUSHAMI :**

- SOCIAL STUDIES EDUCATION **(SSE)**
- SCIENCE AND MATHEMATICS EDUCATION **(SME)**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA ATATU (3h00)**

**AMABWIRIZA**

1) Andika amazina yawe na nomero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form" ariko ubujijwe kubyandika ku mpapuro z'inyongera uhabwa bibaye ngombwa.
2) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
3) Ikizamini kigizwe n'**ibibazo makumyabiri (20)** n'ibice bine by'ingenzi:
   **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 30)**
   **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 25)**
   **Igice cya gatatu:** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 30)**
   **Igice cya kane :** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
4) Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
5) Subiza muri make utarondogoye.
6) Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara handi hatari ahabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
7) Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyanecyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.

## YAKOZE IYO BWABAGA

*Uyu mugani baca ngo: "Yakoze iyo bwabaga", cyangwa yakoze aho bwabaga, wakomotse kuri Nkoma ya Nkondogoro, Sekirasanyi Ikirozi cyo mu Marangara kitarogera ubusa uretse abagihaye ihene n'intama; ahasaga umwaka wa 1500.*

Bawuca iyo babonye umuntu wacogoye ariko asanganywe imbaraga, babona ananiwe icyo yahoraga ashobora bakamubwira bati: "Kora iyo bwabaga!" Naho usanzwe atagira imbaraga zo gukora iki n'iki, iyo kimunaniye bagira bati: "Gerageza." Iryo jambo rero ryo gukora iyo bwabaga, hari abaryita ubugabo. Ubu ni ko bimeze; ariko ubundi inkomoko ni uburozi!

Byatangiye hagati y'ingoma ya Ndahiro n'iy'umuhungu we Ndoli. Hariho umugabo witwa Nkoma ya Nkondogoro, ikirozi cyo mu Marangara, na nyina Maduna. Bari abagaragu ba Cyamatare bakomeye, bari baraturutse i Bunyabungo. Baza ibwami bafite umuhango wo kuroga; ibi byo gucuragura; ariko bakagira n'ubundi burozi busanzwe. Aho shebuja apfiriye yishwe n'Abakongoro bamutsinze i Rubi rw'i Nyundo mu Bugamba (Akarere ka Rubavu), Ndoli amaze gucikira i Karagwe k'Abahinda (muri Tanzaniya), rubanda bahinduka abari abatoni b'ibwami barabahiga barabahashya, kugira ngo, batagira icyo bavuga kuri Ndoli kuko bamwe bakekaga ko akiriho, abandi bati: "Yapfanye na se".

Ubwo Abanyamarangara batera Nkoma, baramunyaga baramusenyera, iwe bahagira imara, ibyeso byarimo uburozi barabijanjagura. Ubwo i Nduga n'Amarangara byari bimaze kwigarurirwa n'Abasinga. Amarangara atwarwa na Rukomane mwishywa wa Mateke, na yo Nduga ari Mateke uwo. Rukomane rero arashega amenesha abaryankuna.

Bukeye abaryankuna bateranira kwa Karangana mu Kona ka Mashyoza, hagati ya Runda na Mugina; bajya inama y'uko bazagenza Rukomane. Babwira Nkoma bati :"Ko wajyaga wiyemeza ngo uri umurozi, ubu waturogeye Rukomane ukamudukiza?" Nkoma ati: "Nta burozi nkigira barabumennye, kandi sinabona uko nshumba ubundi." Abandi baramubwira bati: "Jya gukora aho bwabaga nibura ukokore; kandi ntubuze abo mwabanye babaye ibyegera bye, bazamuduhera agapfa tukaruhuka!" Aradukukanye yakabura amagara!

Abaryankuna bamaze kuzuza inama, Nkoma arataha ajya kureba ahahoze ari iwe mu tujyo bajanjaguye; asangamo uburozi ariko buke, arabukokora abushyira Gashumba w'umunyanzoga wa Rukomane wahoze ari umugaragu we. Amubwira ko nabumumuhera bazamugororera cyane, Gashumba arabyemera

arabwakira; abuha Rukomane arabunywa, amaze kubunywa araryama bucya ari intumbi. Abaryankuna babyumvise si ukwishima! Batera hejuru bati: "Nkoma ya Nkondogoro yakoze aho bwabaga."

Kuva ubwo rero rubanda babona umuntu unaniwe n'umurimo yari asanzwe ashobora, bakigana uko Abaryankuna babwiye Nkoma bati: "Kora aho bwabaga", ariko bo baba bavuga ubugabo yari asanganywe; bifata bityo.

Gukora aho bwabaga = Kwiharahara.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)**

1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 2)**
2) Andika amazina y'abantu batatu b'ingenzi bigaragaza mu mwandiko bari batuye mu Marangara. **(amanota 3)**
3) Ni ayahe mazina yandi ya Ndahiro na Ndoli? **(amanota 2)**
4) Nkoma ya Nkondogoro yari ashinzwe iki ibwami? **(inota 1)**
5) Andika amazina y'abatwaraga impugu za Nduga na Marangara. **(amanota 2)**
6) Garagaza abagize uruhare mu rupfu rwa Rukomane unerekana uruhare rwa buri muntu. **(amanota 6)**
7) Abavugwaga mu mwandiko bahigwaga ni bande? Ese baba barihoreye? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 3)**
8) Ukurikije uyu mwandiko: **(amanota 5)**
   a) Ni nde wakoze iyo bwabaga ?
   b) Yari agamije iki ?
   c) Uburozi yarogesheje Rukomane yabukuye he?
9) Sobanura amagambo akurikira ari mu mwandiko: **(amanota 6)**
   a) Baramunyaga:
   b) Abagaragu:
   c) Gucikira:
   d) Gucuragura:
   e) Bahagira imara:
   f) Ibyeso:

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

10) Andika ubwoko bw'amagambo atsindagiye. **(amanota 5)**

a) Rubanda bahiga **abatoni** b'ibwami barabahashya.

b) Gashumba **yari** umunyanzoga **wa** Rukomane.

c) I **Karagwe** k'Abahinda ni **muri** Tanzaniya.

11) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi ku magambo atsindagiye. **(amanota 9)**

a) Inuma **iraguguza** iyo yahaze amasaka.

b) Umuhungu we **yimye** ingoma ryari?

c) Imodoka **yamwegetse** ku mukingo.

12) Andika inteko (ku mazina na ntera) cyangwa ngenga (ku nshinga) ku magambo atsindagiye akurikira: **(amanota 5)**

Nkoma **arataha** ajya kureba ahahoze ari iwe mu **tujyo** bajanjaguye; asangamo uburozi ariko **buke**, arabukokora abushyira Gashumba w'umunyanzoga wa **Rukomane** wahoze ari umugaragu we. Abaryankuna **bumvise** ko Rukomane yapfuye batera hejuru bati: "Nkoma yakoze iyo bwabaga!"

13) Garagaza ibice by'ingenzi bigize interuro ikurikira: **(amanota 3)**

Uyu mwana wange akunda gusoma.

14) Hanga interuro ngufi zigaragaramo ibi bikurikira : **(amanota 3)**

a) Igisantera

b) Izina ntera

c) Inyigana

## IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

15) Koresha imvugo yabugenewe. **(amanota 5)**

a) Guhunga k'umwami:

b) Ibyatsi bahanaguza inka:

c) Aho batereka amata:

d) Gushyushywa kw'ingoma:

e) Kugura igisabo:

16) Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira: **(amanota 5)**

a) Utaganiriye na se ..........................

b) ..........................riratinda ntirihera.

c) Inkingi imwe ................................

d) ............................................ kikiri gito.

e) Gukira ..........................................

17) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso. **(amanota 10)**

a) Guhiga (kurusha abandi) ................. ≠ .................... (inyamaswa)

b) Kwigana(gukora icyo undi akoze) ............. ≠ .............. (gukurikira hamwe isomo)

c) Kureshya(umugeni) ................. ≠ .................... (kudasumbana)

d) Umwenda(bambara) .................≠.................... (amadeni)

e) Umwishywa (umuntu)................. ≠ .................... (icyatsi)

18) "Ndi umuhungu ndi muziraguhunga, mirindi y'abasore nanze guhunga iwacu twaraye ubusa!": **(amanota 5)**

a) Iki kivugo ni bwoko ki ?

b) Vuga andi moko y'ibyivugo uzi unayasobanure.

19) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 5)**

a) Aho nagendaniye nawe wambwiye iki?

b) Nkubise urushyi rurumira!

c) Nshinze umwe ndasakara!

d) Twavamo umwe ntitwarya!

e) Idagadure naraguharuriye!

**IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

20) **Ikitonderwa:** Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose kuri iki kibazo k'ihangamwandiko.

Andika itangazo ryo kurangisha ibyangombwa byawe byatakaye, ugaragaza ibyo ari byo n'uko uwabitoraguye yabikugezaho ndetse n'igihe byatakariye. Wandike mu mazina ya Simbi Kagabo wo mu Murenge wa Shyembe, Akarere ka Kivuzo.

**- UMUSOZO W'IKIZAMINI -**

URUPAPURO RUTARIHO IBIBAZO

URUPAPURO RUTARIHO IBIBAZO

URUPAPURO RUTARIHO IBIBAZO